CPF INEZA

# INGUZANYO Y'UBUHINZI BW'IMBOGA, IMBUTO N'INDABO

## IRIBURIRO:

Iyi nguzanyo itangwa mu rwego rwo kwagura ishoramari mu bijyanye n'uruhererekane nyongeragaciro mu buhinzi bw'imbuto ziribwa, imboga n'indabo bubungabunga ibidukikije kandi butangiza ikirere. Igenewe gufasha abahinzi kugura umurima; kubona inyongera musaruro; gutunganya ubutaka; kugura imbuto; kugura ibikoresho byifashishwa mu buhinzi nk'amasuka, imashini zihinga, izivomerera, izitera imiti; kwita ku bihingwa by'imbuto ziribwa, imboga n'indabo; guhemba abakozi; gutunganya, gufata neza umusaruro n'ubwikorezi bwawo. Muri abo bahinzi dushishikariza urubyiruko, abagore, n'abafite ubumuga kuyitabira.

## ABO IGENEWE:

1 Abacuruzi b'inyongeramusaruro (imbuto, ifumbire n'imiti)
2. Abahinzi (umuntu ku giti cye, amatsinda, koperative n'abandi...)
3. Inganda zitunganya umusaruro w'imbuto ziribwa, imboga n'indabo
4. Abikorezi b'umusaruro (ku magare, moto, lifani n'imodoka)
5. Abongerera agaciro n'abacuruza umusaruro w'imbuto ziribwa, imboga n'indabo

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto:
2. 18% ku mwaka, ku makoperative cyangwa abanyamuryango bayo ndetse n'amatsinda y'abahinzi
3. 20% ku mwaka ku bahinzi ku giti cyabo
4. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
5. Igihe gihagije cyo kwitegura kwishyura: Gitangwa hashingiwe ku bwoko bw'igihingwa



6. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gitangwa hashingiwe ku bwoko bw'igihingwa.

## IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

a. Guhinga imbuto yera vuba
b. Gukoresha ifumbire kamere;
c. Kubahiriza igihe nyacyo cy'ihinga hakurikijwe amakuru y'iteganyagihe
d. Gukoresha uburyo bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi budahumanya
e. Gukoresha imashini zuhira zikoresha imirasire y'izuba n'uburyo butangiza amazi
f. Gukoresha ibikoresho by'ubuhinzi bikoresha ingufu nke cyangwa ikoranabuhanga rishingiye ku mirasire y'izuba, bigabanya ihumana ry'ikirere kandi bigateza imbere ingufu zisubira.
g. Ubwishingizi bw'imyaka hagamijwe kurinda abahinzi ingaruka ziterwa n'ibihe bibi
h. Gushyigikira uburyo butangiza ibidukikije kandi bugabanya ibyuka bihumanya ikirere mu gutunganya no kugeza umusaruro ku isoko.

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuhinzi ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho.

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikje

+250782553125 / +250788743637 info@cpfineza.rw info@cpfineza.rw